URUBANZA RC 00759/2017/TGI/NYGE

URUKIKO RWISUMBUIYE RWA NYARUGENGE, RURI KU CYICARIO CYARWO, RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z`IMBONEZAMUBANO, RUKIJIJE URUBANZA RC 00759/2017/TGI/NYGE KU RWEGO RWA MBERE MU BURYO BUKURIKIRA:

ABABURANA:

UREGA: NGENDAHAYO Eric mwene Rwivanga Pascal na Nyiramuzayire Angéline, atuye mu Mudugudu w`Umurinzi, Akagali ka Katabaro, Umurenge wa Kimisagara, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali. Ahagarariwe na Me KAMALI Valens

UREGWA: NTAKIRUTIMANA Espérance mwene Gihanga Thomas na Indanguza Rose, atuye mu Mudugudu wa Kadobogo, Akagali ka Kigali, Umurenge wa Kigali, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali.

IKIBURANWA: Gusaba ko ikibanza naguze kinyandikwaho

I. IMITERERE Y`URUBANZA

[1] NGENDAHAYO Eric yaguze ikibanza kuwa 2/1/2012 na INDANGUZA Rose wari uhagarariye umwuzukuru we URAYENEZA Emmanuel wari nyiracyo, kuko INDANGUZA Rose yari afite uburwayi bumukomereye asha akwivuza, maze URAYENEZA Emmanuel aguranirwa ahandi hantu. INDANGUZA Rose yaje kwitaba Imana igurana ry`umutungo ridakozwe maze uwo mwana asigirwa NTAKIRUTIMANA Espérance, uyu akaba asabwa ko hakorwa ihererekanya ry`umutungo.

Muri uru rubanza hakwiye gusuzumwa niba NGENDAHAYO Eric akwiye kwandikwaho umutungo yaguze.

II. ISESENGURA RY`IKIBAZO KIGIZE URUBANZA

Kumenya niba NGENDAHAYO Eric yakwandikwaho umutungo yaguze

[2] Me KAMALI uhagarariye NGENDAHAYO Eric avuga ko tariki ya 02/12/2012 NGENDAHAYO yaguze ikibanza na INDANGUZA Rose wari uhagarariye umwuzukuru we URAYENEZA Emmanuel akiri muto (12ans) yishyura amafaranga 450.000Frw. Avuga ko nyuma yo kugura INDANGUZA yahise apfa asigira uwo mwana umukobwa we witwa NTAKIRUTIMANA Espérance, ariwe n'ubu ukimurera, ariko mbere y'uko INDANGUZA apfa akaba ngo yari yarahaye URAYENEZA ingurane y'ubwo butaka bikorwa n'inteko y'abagize umuryango wa INDANGUZA Rose. Me KAMALI avuga ko NGENDAHAYO yagiye mkwiyandikishaho umutungo, maze mu butaka bakamusaba kugana Urukiko ngo abe arirwo rubyemeza.

[3] Ingingo ya 3 y`itegeko No 15/2004 ryo kuwa 12/6/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n`itangwa ryabyo, ivuga ko buri muburanyi agomba kugaragaza ukuri kw`ibyo aburana.

[4] Urukiko rusanga NGENDAHAYO avuga ko umutungo wari uw`umwana URAYENEZA Emmanuel, maze ukagurishwa na nyirakuru, ariko nta cyemeza aho nyirakuru yakuye uburenganzira bwo kugurisha umutungo, ndetse ngo bigaragare ko aho hantu uwo hari yanditsweho ngo Urukiko rubihereho rwemeza ko uwo aho hantu hari handitseho ari umubyeyi wa URAYENEZA koko. Kuba NGENDAHAYO Eric yarahaguze, Urukiko rukaba rusanga bidahagije ngo abe yahandikwaho mu gihe Urukiko rubona ko hakiri ikibazo kuri nyiri umutungo wagurishijwe no kuwawugurishije. Bityo ibisabwa na NGENDAHAYO Eric, akaba azabisobanurira abashinzwe ubutaka bo bashinzwe kwandika imitungo kuri ba nyirayo,

bakawumwandikaho mu gihe bo basanze nta kibazo, kuko Urukiko ku ruhande rwarwo rusanga rutabikora.

III. ICYEMEZO CY`URUKIKO

[5] RWEMEJE kwakira ikirego cya NGENDAHAYO Eric rugisuzumye rusanga nta shingiro gifite;

[6] RUKIJIJE ko NGENDAHAYO Eric atsinzwe;

[7] RUVUZE ko igarama ryatanzwe mu kurega rihwanye n`ibyakozwe mu Rukiko.

NI UKO RUKIJIJWE KANDI RUSOMEWE MU RUHAME, NONE KUWA 28/2/2018

Sé	**Sé**
BURAYOBERA UMUZAYIRE Bibiane	**MUSHIMIYIMANA Sylvie**
UMUCAMANZA	**UMWANDITSI**